REPUBULIKAY'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA KAYONZA

B.P 03 RWAMAGANA

Email : *kayonzadistrict@kayonza.gov.rw*

# ITANGAZO RIGENEWE ABATURAGE BAFITE UBUTAKA BUKORA KU MIHANDA IZAKORWA MU MUJYI WA KAYONZA NA KABARONDO

Hashingiye ku masezerano Ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ubwikorezi (RTDA) cyagiranye na Rwiyemezamirimo **JV China Road & Bridge Corporation Limited and NPD Ltd yo** gukora imirimo y'inyongera k'umuhanda wa kayonza Rusumo aho muri aka Karere hazakorwa Imihanda mu mujyi wa kayonzaari 4.5km naho Kabarondo 3km;

Hashingiye ku masezerano y'ubufatanye Akarere ka Kayonza kagiranye n'ikigo cy'igihugu gishizwe guteza imbere ubwikorezi (RTDA) ajyanye n'imirimo yo kubarura imitungo izangizwa n'ikorwa ry'imirimo y'inyongera yavuzwe haruguru;

Ubuyobozi bw'Akarere ka kayonza buramenyesha abaturage bo mu karere ka kayonza mu mirenge ya Mukarange na kabarondo ko imirimo yo gukora imihanda ya kaburimbo mu mujyi wa kayonza na kabarondo igiye gutangira.

Ni muri urwo rwego hakozwe urutonde rw'ibanze rw'abafite imitungo ishobora kuzagirwaho ingaruka n'ikorwa ry'iyo mihanda yavuzwe haruguru bashobora gusanga ku biro by'imirenge ya Kabarondo na Mukarange ndetse no ku biro by'utugari twa Cyinzovu na cyabajwa ho mu murenge wa Kabarondo n'utugarri twa Kayonza na Bwiza ho mu murenge wa Mukarange.

Akarere kakayonza kaboneyeho umwanya wo kumenyesha abaturage ko igikorwa cyo kubarura no kugena agaciro k' imitungo izagirwaho ingaruka n'ishyirwa mu bikorwa ry'imihanda yavuzwe haruguru bizatangira kuwa 15/04/2021.

Bikorewe I Kayonza kuwa 08/04/2021.

MURENZI Jean Claude
Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza

Scanned with CamScanner